

Inyadiko y' umugereka ku makuru yogutanga uruhushya

"Namenyeshejwe intego ya gahunda yo kwaka inkunga".

Kugira ngo abantu babana ubumuga bukomeye babashe gutuzwa byihutirwa muri komine, iyo komine ishobora gusaba ikigo cyigihugu gishinzwe guhuza ubatandukane bwabaturage no kwakira impunzi (IMDi) imwe kumfashanyo zayo kugira ngo babashe kwishyurira izo mpunzi ibyifuzo byazo mu myaka itanu ya mbere nyuma yo gutuzwa mu gihugu. Amafaranga bahabwa yagenewe kuguha inkunga mubyo wowe gusa ukeneye.

Iyo komine yohereza ubusabe, bagomba kohereza icyemezo cy' ikigo ico ari cyo cyose gifite ubuzima mu nshingano zacyo gisobanura ko wari usanganywe ubumuga bukomeye na mbere yuko utuzwa hano mu gihugu. icyo cyemezo kigomba gutanga ubusobanuro bwimbitse ku ibyifuzo byawe bya buri muni kinahamya koko yuko ukeneye ubufasha bwa buri muni, bagasaba ko komine ihabwa amaranga abafasha gufata ingamba z'ubufasha butandukanye .

Amakuru kuri wowe hamwe no kubuzima bwawe ashirwa mu bubiko mu igihe cy' imyaka 5, mbere yuko ayo makuru asibwa. Ayo makuru abikwa mu buryo butunganijwe neza kuburyo ntamuntu uri hanze y' ikigo IMDi wayageraho.

Mu gihe ubuyobozi bwa IMDi bwanze ubusabe bw' inkunga, bisobanuye ko ntacyo baba bakoze kuri iyo dosiye. Aho niho komine ishobora kohereza ubujurire ku Buyobozi bwa IMDi, ubwo Buyobozi bugahita bwohereza ikibazo cyose muri minisiteri y' abakozi n'ubumwe



Kumenyeshwa ibyo gutanga uruhushya

Inyandiko y' umugereka ku busabe bw' inkunga yihariye igenewe kwakira impunzi zigendana ubumuga bukomeye, kimwe nabantu bafite ibibazo bikomeye by' imyitwarire cyangwa ibifitanye isano n'ikoreshwa ry' ibiyobyabwenge.

Nemeye ko amabanga n'amakuru yingenzi kubuzima bwa [Izina ry' uwo ubusabe bureba/ Uwo inkunga isabirwa] (Uwo ikibazo kireba) byasangizwa ibigo bifite ubuzima munshingano zabyo byanditswe aha hasi hamwe n' abakozi bashinzwe ubuzima n'buyobozi bushinzwe guhuza ubatandukane bwabaturage no kwakira impunzi (IMDI) kandi ko amakuru y' ibanga ku buzima yerekeye (umuntu ikibazo kireba) akenewe kugirango [izina rya komine] ihabwe inkunga y'amafaranga yogusubiza mubuzima busanzwe ivuye mu kigo cyigihugu gishinzwe guhuza ubatandukane bwabaturage no kwakira impunzi (IMDI) gihabwa nibigo namashirahamwe bafite ubuzima mu nsingano zabo biri aha hasi hakurikira.

Ndemeye kandi ko ayo makuru y' ubuzima ashobora gusangizwa n' urwego rushinswe kwakira ubujurire mu gihe icyemezo cy' ikigo cyigihugu gishinzwe guhuza ubatandukane bwabaturage no kwakira impunzi (IMDI) cyajuririrwa.

Ibigo / Umukozi w'iby'ubuzima	Izina ry' uwasinye	Itariki

Namenyeshejwe intego y' iyi gahunda yo kwaka inkunga yihariye igenewe gutuza abantu bagendana ubumuga bukomeye, kimwe nabantu bafite ibibazo bikomeye by' imyitwarire. Namenyeshejwe kandi ko ari amakuru gusa yerekeye ubuzima kandi afitiye ababashinzwe akamaro kugira iyi ntogo yonyine igerweho ari yo gusa agomba gusangizwa Ubuyobozi bwa IMDI hamwe n' Urwego rushinzwe ubujurire.

Ndazi neza ko komine idashobora gutanga aya makuru ku Buyobozi bwa IMDi n' urwego rujejwe ubujurire ntabitangiye uruhushya, kandi ko urwo ruhushya rushobora guhagarikwa igihe icyo ari cyo cyose.

Ndazi kandi ko nkumuntu iki kibazo kireba mfite uburenganzira bwanjye muri komine bukomeza n' ubwo ntatanga uru ruhushya, kandi ko ubwo burenganzira mfite butahinduka nubwo nahagarika uru ruhushya.

Uru ruhushya rufite igihe ntarengwa cy' imyaka itanu kuva ku muni wambere ntujwe. Bizasabwa ko nsabwa gutanga uruhushya rushya niba hari amakuru mubisabwa agombwa kuvugururwa hagati mu gihe cy' imyaka itanu.

Uruhare rwanjye :

- Mfite hejuru y' imyaka 16 y'ubukure, kubwibyo rero ntanze umukono wanjye nisinyira.
- Uwo ikibazo kireba afite imyaka iri muni ya 16, ntanze umukono wanjye nsinya nk' umubyeyi we.
- Uwo ikibazo kireba afite imyaka iri muni ya 16, ntanze umukono wanjye nsinya nk' umurezi wagenywe n' inzego za leta.
- Uwo ikibazo kireba afite imyaka irenga 16, ariko nta bumenyi-ngiro afite bwo kwitangira uruhushya, njye rero ndasinya nk' umunyamuryango we wa hafi.
- Uwo ikibazo kireba afite hagati y' imyaka 12 na 16, kandi we ubwe yemeye ubufasha bw' ubuvuzi bufatiye ku makuru yerekeranye n' ubuzima. Uwushinzwe ubuzima yatanze umukono we yemeranijye n' uru rubyiruko ko uruhusha rutangwa.

Nomero y' abimukira yuwo ikibazo kireba (DUF):	
Umukono w' uwo ikibazo kireba/Umuhagarariye:	
Ikibanza , itariki:	

Izina n' ibyo umuntu wasabye urwo ruhushya ashinzwe:	
Umukono w' umuntu wasabye urwo ruhushya:	
Ikibanza , itariki:	